**IKINYARWANDA**

**Itariki : 28-29/06/2022**
**Isaha : 8h30-10h30**

# IKIZAMINI GISOZA IGIHEMBWE CYA 3

**UMWAKA WA:** **3**

**Amanota:** **...... /40**

**AMABWIRIZA RUSANGE**

- Ikizamini k'Ikinyarwanda mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza kimenyerewe ku izina rya LEGRA gikorwa mu minsi ibiri.

- Umunsi wa mbere w'ikizamini umwarimu asuzumira abanyeshuri bose hamwe mu ishuri.

- Umunsi wa kabiri w'ikizamini umwarimu asuzuma buri munyeshuri ku giti ke, amusomesha umwandiko wateganyijwe hanyuma akamubaza n'ibibazo byo kumva umwandiko.

- Ikizamini giteguye ku manota 40 ariko ashobora guhindurwa agashyirwa kuri 80.

# Isuzuma rusange ry'Ikinyarwanda (LEGRA)

## Amabwiriza rusange ku banyeshuri bakeneye ubufasha bwihariye

- Ku banyeshuri bakeneye ubufasha bwihariye, bahe igihe gikwiye kugira ngo babashe gusubiza ibibazo by'isuzuma.

- Ha amahirwe abanyeshuri bose yo gusubiza mu buryo butandukanye buboroheye (gusubiza bandika, bashushanya, bigana mu mikino ndetse n'ibindi byose byafasha umunyeshuri mu gusubiza).

- Ikoreshwa ry'ururimi rw'amarenga ndetse n'ubundi buryo bwose bwafasha abanyeshuri bafite ubumuga bwo kutumva no kutavuga ni ihame.

- Ku banyeshuri bafite ubumuga bwo kutabona, aho bishoboka ukoreshe inyandiko ya "Braille" ibafasha gusoma. Mu gihe inyandiko ya "Braille" itabonetse, somera umunyeshuri inkuru, umubaze ibibazo ku nkuru na we agusubize.

- Mu gihe k'isuzuma wite ku mwihariko wa buri munyeshuri mu ishuri maze uteganye uburyo bwo kumufasha budaheza (harimo kongera ingano y'inyandiko ku bafite ikibazo cy' amaso, kwicaza umunyeshuri ufite ikibazo cyo kutumva imbere kugira ngo abashe gukurikira neza, kugerageza gufungura amadirishya neza n'umuryango kugira ngo urumuri rwinjire neza mu ishuri).

- Ku banyeshuri bafite ubumuga bw'imitekerereze iri hasi, ubabaze ibiri ku kigero cyabo kandi ugende ushyiramo akaruhuko k'amasegonda cyangwa iminota mikeya hagati mu ibazwa.

## Umunsi wa mbere

**UBUMENYI RUSANGE BW'URURIMI N'IKIBONEZAMVUGO**

**Ikitonderwa**

- Ku banyeshuri bafite ubumuga bwo kutabona barandika bakoresheje ibikoresho byabugenewe bibafasha kwandika mu nyandiko ya "Braille".

- Ku banyeshuri bafite ubumuga bw'ingingo ubahe amahirwe yo gusubiza bavuga cyangwa se bakoreshe ubundi buryo buboroheye.

I. **UBUMENYI RUSANGE BW'URURIMI**

**A. Imigani y'imigenurano / Amanota 5**

**Uzuza imigani ikurikira**

**Urugero:**

a) ……………ashima ubwe→ **Utazi ubwenge** ashima ubwe.
b) Nyamwanga kumva…….→ Nyamwanga kumva **ntiyanze kubona**.

1. ………………………gatera amatsiko.
2. Igiti kigororwa……………………..
3. ………………………ntikamenya iyo bweze.
4. Kora ndebe……………………
5. …………………ni iya mweru

**B. Ibisakuzo / Amanota 5**

**Ukoresheje akambi, huza igisakuzo n'igisubizo kikica, ubyandike ukurikije urugero wahawe**

| | A | B |
|---|---|---|
| 1 | Nkubise urushyi rurumira | Ifundi |
| 2 | Sogokuru aryoha aboze | Amashyiga |
| 3 | Icwende ryange rimbaye kure mba ngukoreyemo | Ukwezi |
| 4 | Inka yanjye nyikama igaramye | Igihumyo |
| 5 | Tuvuyemo umwe ntitwarya | Umuneke |
| 6 | Abana bange bangana bose | Ibara ry'inka |
| 7 | Nshinze umwe ndasakara | Umuvure |

**Urugero:**

Nkubise urushyi rurumira →**Ibara ry'inka**

Abana bange bangana bose → **Ifundi**

**II. IKIBONEZAMVUGO /10**

A. **Shyira utwatuzo dukwiye muri izi nteruro. Amanota 5**

**Urugero:**

a) Ufite imyaka ingahe → Ufite imyaka ingahe**?**
b) Yooo Mbega umwana mwiza! → Yooo**!** Mbega umwana mwiza!

1. Umwarimu yababwiye ati: Ntimugasibe ishuri.
2. Muzadusura ryari
3. Mbega umugabo munini
4. Yaguze imboga imbuto imyenda n'udukinisho.
5. Umwana mwiza yumvira ababyeyi be

**B. Simbuza ijambo riciyeho akarongo impuzanyito ukuye mu magambo ari mu dukubo nurangiza uryandike/ Amanota 2.5**

**Urugero:**

a) **Abakobwa** ba Kamanzi ni abahanga (abakambwe, abana, **abangavu**)
b) Yagize amanota meza **aranezerwa (** araseka**, ararishima ,** ararakara)

1. Uyu mwana akunda **ibiryo**. (amata, amafunguro, imineke)
………………………………………………………………………………………………..
2. Iwacu duturanye n'**umukungu**. (umunebwe, umworozi, umukire)
………………………………………………………………………………………………..
3. Yagize amanota meza **arishima.** (araseka, ararakara, aranezerwa)
………………………………………………………………………………………………..
4. Abanyeshuri basabwa gukora **bwangu** imyitozo bahawe. (vuba, buhoro, cyane)
………………………………………………………………………………………………..
5. Kubwimana yigana **umwete** amasomo ye yose. (umuhanda, umwanda, umurava)
………………………………………………………………………………………………..

**C. Simbuza amagambo aciyeho akarongo mu nteruro imbusane zayo. Amanota2.5**

**Urugero:**

a) Tuzaruhuka mu **mpera** z'uku kwezi →Tuzaruhuka mu **ntangiriro** z'uku kwezi.
b) Ibitabo bye abibika **munsi** y'ibyange→ Ibitabo bye abibika **hejuru** y'ibyange.

**1.** Higiro yiga **hafi** y'iwabo → **………………………………….**

**2**. Keza **ababazwa** n'iki? → **………………………………….**

3. Kamana yabaye **umukene.** → **………………………………….**

4. Uyu mwana agira **isuku.** → **………………………………….**

5**. Abahungu** bakunda gukina. → **…………………………………..**

## Umunsi wa kabiri

**Gusoma agakuru /amanota 10**

Soma agakuru gakurikira hanyuma uze gusubiza ibibazo nkubazaho.

**Ikitonderwa**

- Wibuke guha umunyeshuri urupapuro rwamugenewe ruriho inkuru yanditse mu nyuguti nini, hanyuma nawe ukurikire uko umunyeshuri asoma wifashishije uru rupapuro ruriho n'ibibazo byo kumva umwandiko.

- Mu gihe umunyeshuri asubiza ibibazo byo kumva umwandiko, murekere urupapuro ruriho agakuru ndetse umusabe kuba yarebaho mu gihe ashakisha igisubizo k'ikibazo umubajije.

- Ku banyeshuri bafite ibibazo byo kuvuga badidimanga bahe umwanya uhagije wo gusoma inkuru mbere yo kubabaza ibibazo byo kumva umwandiko. Niba kandi gusoma aranguruye bimugora cyane, umuhe umwanya asome bucece, nyuma asome aranguruye maze abone gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.

**Kagoma Nyaburanga**

Kagoma Nyaburanga yiberaga mu ishyamba rya Gishwati.

Ikaba inyoni nini cyane ndetse iteye amabengeza.

Yakundaga abaje gusura ishyamba ikabaririmbira ikumvwa na bo.

Umunsi umwe ihura n'abakerarugendo baje gusura u Rwanda.

Itangiye kubyina igishwi kiza gihomvomvwa ntiyakitaho.

Irabakira, irabataramira nk'uko byari bisanzwe.

Bayibaza aho yigiye ubwo bupfura n'ubukesha.

Ibasubiza ko ari indangagaciro nyarwanda.

Abakerarugendo batashye bishimye, banahigira kuzagaruka gusura u Rwanda.

**Ibibazo byo kumva umwandiko**

1. Kagoma Nyaburanga yabaga he? **Yabaga mu ishyamba rya Gishwati.**
2. Kagoma ni inyoni iteye ite? **Ni inyoni nini cyane, iteye amabengeza**
3. Kagoma yakiraga ite ba mukerarugendo? **Yarabaririmbiraga/ Yarabataramiraga.**
4. Ni iki abakerarugendo babajije Kagoma? **Bayibajije aho yigiye ubwo bupfura n'ubukesha.**
5. Kuki ba mukerarugendo bahigiye kuzagaruka gusura u Rwanda? **Ni uburyo Kagoma abakira/ Ni uko bakirwa.**